### *AMATEKA*

Kominote y'urubyiruko ruhamya Kristu –JTC-mu magambo ahinnye y'igifransa wavutse mu mwaka w'i 1993 muri Centre Christus/Remera,Kigali-Rwanda utangijwe n'urubyiruko rw'abakristu gatolika basengeraga mu Ivugururwa muri Roho Mutagatifu,babifashijwemo n'umupadiri w'umuyezuwiti .Bamaze kubona ingorane za Roho n'ubumuntu urwo rubyiriko rwari rufite,bishyize hamwe kugira ngo bahamye urukundo rw'Imana.
JTC ni umuryango mushya aho ubuzima bwa kivandimwe bushingiye mu gusangira ubuzima no ku isengesho.

### *UBUTUMWA*

Kominote JTC ifite ubutumwa bw'ingenzi bwo « **Gufasha urubyiruko kumenya Yezu ariwe Kristu »**
Ihamagarira urubyiruko kwisubiraho,kuzirikana amasezerano bakoze mu gihe cya batisimu
Turahamya ko urubyiruko rwicujije rushobora byinshi bibafitiye akamaro, kiliziya n'umuryango muri rusange .
Kominote ifasha kandi mu bikorwa byose bishimangira umuco w'ubumwe.
Kominote ihamagarira abayigize bose kubaho buri munsi bakurikije impano eshatu zikurikira :

- **Kumvira** : Kumvira Imana,Kiliziya ntagatifu n'umuryango
- **Kwicisha bugufi** : Kugira ngo akorere Imana neza,buri munyamuryango asabwa gufata Bikira Mariya ho urugero mu kwicisha bugufi
- **Kwamamaza Ijambo ry'Iamana.**

Ibi bikababafasha kwitagatifuza mu buzima bwabo bwa buri munsi baba abahamya b'ibyo bemera : nk'uko ivanjiri itubwira iti "Mube intungane nk'uko So wo mu ijuru ari intungane" (Mt5, 48) ; Mujye mu mahanga yose mubigishe (Mc16, 15), hanyuma arababwira ati:"Mujye mu mahanga yose mwigishe inkuru nziza abantu bose".

***IBIKORWA*** :

Umuryango ukorera mu rubyiruko.Umuryango ugira ibikorwa byinshi bitandukanye harimo :
-Gutegura amasengesho,imyiherero n'ibiganiro nyunguranabitekerezo mu rubyiruko ;
Kujya mu butumwa mu bigo by'amashuri y'ingeri zose ubisabwe n'abayobozi babyo cyangwa abanyeshuri ubwabo,amaparuwasi n'amakoraniro y'abasenga ;
Gutegura isengesho ryo gushengerera ku wa **kane** wa buri cyumweru cyane cyane ku rubyiruko,
Umuryango ufasha abawugize kimwe n'urubyiruko muri rusange ,mu bikorwa bitandukanye byo kwitegza imbere kuri roho no ku mubiri ,babashakira amahugurwa n'inyigisho zibafasha gutera imbere

Hari na gahunda yita ku bana.Rimwe na rimwe hategurwa amahuriro n'ingendo z'amasengesho kuri abo bana ;
Umuryango ugira gahunda yo gutega amatwi urubyiruko aho bahabwa inkunga ya Roho n'ubumuntu.

***KWINJIRA.***

Uwakirwa mu muryango JTC ni:
► Umukobwa/umuhungu utarashaka ;
► Umukobwa/umuhungu wabatijwe muri kiliziya gatolika ;
► Umukobwa/umuhungu ufite inyota yo gufasha urubyiruko ;
► Umukobwa/umuhungu utari mu wundi muryango ;
► Uwihayimana wa diyoseze abiherewe uruhushya n'umwepisikopi we ;
► Umufurera /umubikira abiherewe uruhushya n'umukuru w'umuryango we .
►Kuko umuryango ushingiye ku ivugururwa muri Roho Mutagatifu,uwifuza kuba umu JTC agomba kuba afite ikoraniro rya Karisimatiki asengeramo kugira ngo twakire,dukuze kandi dukoreshe ingabire za Roho Mutagatifu mu gufasha urubyiruko kubaho mu rukundo rw'Imana.

Kuko kwinjira mu muryango bikorwa ku bushake,ushaka kwinjira yandika ibaruwa yo kubisaba.

Umuryango kandi ugira inshuti. Inshuti z'umuryango ni abantu bakunda kandi bafasha umuryango ariko bafite impamvu zinyuranye zibabuza kuba abanyamuryango byuzuye.

***IBIRANGA UBUZIMA BW'ABANYAMURYANGO***

- ✓ Isengesho ryihariye(gushengerera,gusingiza Imana,… );
- ✓ Igihe cyo gushengerera hamwe nk'abanyamuryango ;
- ✓ Guhura na Yezu buri gihe mu isakaramentu ry'ukaristiya ;
- ✓ Gusoma buri gihe Ijambo ry'Imana;
- ✓ Kwitabira amateraniro ya buri kwezi y'abanyamuryango;
- ✓ Kugira umuherekeza wa Roho no kuganira na we nibura rimwe mu kwezi;
- ✓ Gusangira ubuzima bya kivandimwe n'ubutumwa mu dutsinda duto tw'abanyamuryango.
- ✓ Kwitabira ibikorwa by'iyogezabutumwa
- ✓ Kwitabira ibikorwa bya Kiliziya

***AHO TUBARIZWA***

Kugeza ubu, Kominote ibarizwa muri Arikidiyosezi ya Kigali,muri paruwasi ya Regina Pacis/Remera, diyosezi ya Nyundo,muri paruwasi ya Stella Maris /Gisenyi,Muhato,Mbugangari, diyosezi ya Cyangugu,paruwasi ya Mushaka, diyosezi ya Kabgayi,paruwasi ya Kabgayi, diyosezi ya Butare,paruwasi ya Butare

Ibindi bisobanuro wabariza aha hakurikira:

Kominote y'urubyiruko ruhamya Kristu (JTC)
BP. 602 Kigali
RWANDA

**Téléphones:**

(+250)788758523(Assistance)
(+250)788898711(Kigali)
(+250)788775230 (Kabgayi)
(+250)788265999 (Gisenyi)
(+250)722359993 (Cyangugu)
(+250)788483547 (Butare)
Email : jtcamourjeune@yahoo.fr

# Kominote y'Urubyiruko ruhamya Kristu

# JTC

**Iyogezabutumwa mu rubyiruko** **Kumvira** **Guca bugufi**